

Republic of Rwanda



*Advancing Child Rights and Protection*

## RAPORO Y'INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA



**KIGALI, KUWA 08 UKUBOZA 2016**

<b>ISHAKIRO</b>	
<b>IBISOBANURO KU MPINAMAGAMBO .....</b>	<b>iii</b>
<b>GUSHIMIRA .....</b>	<b>iv</b>
<b>IRIBURIRO .....</b>	<b>v</b>
<b>INTEGO Z'INAMA NKURU Y' IGIHUGU Y' ABANA .....</b>	<b>vi</b>
<b>1. UKO INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA YAGENZE .....</b>	<b>1</b>
1.1. Intangiriro.....	1
1.2. Intego z' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana.....	2
<b>2. IBIKORWA BITEGURA INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 11 Y'ABANA .....</b>	<b>2</b>
2.1. Gutoranya Insanganyamatsiko .....	2
2.2. Inama zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana.....	3
2.3. Ikiganiro n'Abanyamakuru .....	4
2.4. Imurikabikorwa ry' ibikorwa by' Uburenganzira bw' Umwana .....	6
<b>3. KWAKIRA ABANA NO KUBATEGURA.....</b>	<b>8</b>
3.1. Kwakira Abana.....	8
3.2. Amatora y' abana bazafasha mu nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana .....	9
<b>4. MU NGORO Y' INTEKO ISHINGA AMATEGEKO.....</b>	<b>9</b>
4.1. Umuhango wo gutangiza Inama .....	9
4.2. Ijambo rya Perezida w' Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana.....	11
4.3. Ijambo ry' uhagarariye abafatanyabikorwa .....	13
4.4. Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango .....	14
4.5. Ijambo ry'umushyitsi mukuru .....	15
4.6. Abatanze ibiganiro mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana n' ibiganiro batanze .....	16
4.7. Ibibazo abana babajije n' ibitekerezo batanze .....	17
<b>5. IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 11 Y'ABANA (RECOMMENDATIONS OF THE 11<sup>TH</sup> NATIONAL CHILDREN'S SUMMIT) .....</b>	<b>17</b>
<b>6. IBISHYA BYARANZE INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA .....</b>	<b>19</b>
6.1. Ubwitabire bw' abana b' abanyamahanga by' umwihariko abakomoka mu Gihugu cy' Ubuhande .....	19
6. 2. Abana bayoboye Inama Nkuru z' Igihugu zabanje.....	20
<b>7. IMPANO Z' ABANA ZIJYANYE N' UMUCO NYARWANDA .....</b>	<b>21</b>
7. 3.Guhemba ibihangano by' abana mu gitaramo .....	22
7.4. Gutaramana n' Umuhanzi nyarwanda .....	24
<b>8. UMUSOZO .....</b>	<b>26</b>
<b>IMIGEREKA .....</b>	<b>a</b>

## **IBISOBANURO KU MPINAMAGAMBO**

<b>AVSI:</b>	Association of Volunteers in International Service;
<b>CHENO:</b>	Chancellery of Heros, National Orders and decoration of Honors;
<b>CNLG:</b>	National Commission for the Fight against Genocide;
<b>ECD:</b>	Early Childhood Development;
<b>ES:</b>	Executive Secretary;
<b>INMR:</b>	Institute of National Museums of Rwanda;
<b>LARC:</b>	Rwanda Academy of Language and Culture;
<b>MC:</b>	Master of the Ceremony;
<b>MIGEPROF:</b>	Ministry of Gender and Family Promotion;
<b>MINEDUC:</b>	Ministry of Education;
<b>MINIJUST:</b>	Ministry of Justice;
<b>MINISPOC:</b>	Ministry of Sports and Culture;
<b>NCC:</b>	National Commission for Children;
<b>NCPD:</b>	National Council of Persons with Disabilities.
<b>NIDA:</b>	National Identification Agency;
<b>NISR:</b>	National Institute of Statistics Rwanda;
<b>RALSA:</b>	Rwanda Archive Library Service Authority;
<b>RNP:</b>	Rwanda National Police;
<b>SOS:</b>	Save Our Souls;
<b>UN:</b>	United Nations;
<b>UNICEF:</b>	United Nations for Children’s Education Funds.

## **GUSHIMIRA**

Buri mwaka mu bufatanye bwa Leta y' u Rwanda n' abafatanyabikorwa bagize uruhare ruziguye n' urutaziguye, hategurwa Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ibanzirizwa n' inama ziyitegura zibera ku rwego rw' Uturere kugera ku Midugudu, haganirwa ku myiteguro hakanahuzwa ibitekerezo by' abana bizaganirwaho muri iyi nama hanagaragazwa uko ibyifuzo byavuye mu nama iheruka byashyizwe mu bikorwa.

Ibi bikaba ari mu rwego rwo kurushaho guha abana uburenganzira bwabo bwo kugira uruhare n' ijamba mu bibakorerwa nk' uko bikubiye muri Politiki y' Igihugu ikomatanya Uburenganzira bw' Umwana (*ICRP*), mu mategeko no mu masezerano Mpuzamahanga u Rwanda washyizeho umukono.

Ni muri urwo rwego Minisiteri y' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango (*MIGEPROF*) binyujijwe muri Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana (*NCC*) bashimira inzego za Leta, iz' abikorera n' abafatanyabikorwa bagize uruhare ruziguye n' urutaziguye mu migendekere myiza y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yabaye kuwa 08 Ukuboza 2016 mu Ngoro y' Inteko ishingira Amategeko i Kigali.

Mugire amahoro.

**Dr. Claudine UWERA KANYAMANZA**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana**

## IRIBURIRO

Biturutse ku busabe bw'abana Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda Paul KAGAME akabibemerera, kuva mu mwaka wa 2004, mu Rwanda hategurwa Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana, ikaba ari ngarukamwaka. Abana bitabira iyi nama akaba ari abana baba baratorewe guhagararira abandi mu gihe cy' imyaka itatu mu buryo bukurikira:

- Abana 416 bahagarariye abandi (Umwana umwe ku rwego rwa buri Murenge);;
- Abana 30 bahagarariye abandi (Umwana umwe ku rwego rwa buri Karere);
- Abana 30 bahagarariye abana bafite ubumuga (Umwana umwe ku rwego rwa buri Karere);
- Abana bahagarariye abana baba mu nkambi z'impunzi ziri mu Rwanda;
- Birashoboka kandi ko hari abandi bana bari mu byiciro bitandukanye bashobora gutumirwa muri iyi nama bitewe n'insanganyamatsiko iba yatoranyijwe.
- Rimwe na rimwe muri iyi nama hashobora no gutumirwamo abana bahagarariye abandi bo mu bihugu duturanye byibumbiye mu muryango w' Afurika y' Uburasirazuba cyangwa abandi bateganyijwe.

## INTEGO Z'INAMA NKURU Y' IGIHUGU Y' ABANA

Nk' uko bikubiye mu mahame, amatangazo, amategeko mpuzamahanga u Rwanda rwiyejeje kugenderaho no mu mategeko, ingamba na Politiki Igihugu cyashyizeho, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana igamije kurushaho guha abana umwanya no kugira ngo bose bagire uruhare mu miyoborere no mu bikorwa bindi binyuranye by'iterambere ry' Igihugu cyabo.

Nk'uko izi nama zisanzwe zitegurwa, buri mwaka hagenwa insanganyamatsiko yihariye iba yatoranyijwe n'abana ubwabo ikaba ari nayo yibandwaho mu mitegurire y'ibikorwa byose bijyanye nayo.

Kugera muri 2015 Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana imaze kuba inshuro icumi (10) buri mwaka hakaba haragendewe ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- **2004:** icyizere cy' umwana mu bumwe n' ubwiyunge: Kwicuza kw' abantu bakuru (*Unity and reconciliation*);
- **2005:** Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ntiyabaye kuko yari itaremezwa ko izaba ngarukamwaka.
- **2006:** Twubake u Rwanda rubereye abana (*A Rwanda fit for children*);
- **2007:** Umwana muri gahunda y' amajyambere rusange y' Igihugu (*Children in the Country's development plan*);



- **2008:** Uruhare rw' abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside (*The role of children in fighting the Genocide ideology*);
- **2009:** Uruhare rw' abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa (*The role of children in fighting violence against children*);
- **2010:** Uruhare rw' abana mu burezi bubabereye (*Education fit for children and children's role*);
- **2011:** Amahirwe angana ku bana bose: Ibyagezweho ku Ngamba z' Igihugu z' Iterambere ry' Ubukungu no kurwanya ubukene"EDPRS" (*Children and Equity: our contribution to EDPRS*);
- **2012:** Uruhare rw' abana mu kwihesha agaciro (*The role of children in promoting their dignity*);
- **2013:** Abana n' umuco wo kwigira (*Children and Self-reliance*);
- **2014:** Imyaka 20 irashize: Dukomeze duteze imbere uburenganzira bw' umwana (*20 years and beyond advancing child rights in Rwanda*).
- **Icyitonderwa:** Mu mwaka wa 2015, Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ntiyabaye bitewe n' igikorwa cy' amatora ya Komite nshya z' Ihuriro ry' Abana yasimburaga iyari icyuye igihe.

## 1. UKO INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA YAGENZE



*Abana binjira mu Nama mu Ngoro y' Inteko ishingamutegeko*

### 1.1. Intangiriro

Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yari ifite insanganyamatsiko igira iti “**Uburere buboneye: umusingi w' Umuco**” yahuje abana bahagarariye abandi mu Turere n' Imirenge bigize Igihugu, abana bahagarariye abana baba mu nkambi z' impunzi zose ziri mu Rwanda hamwe n' abayobozi bakuru b' Igihugu n' abafatanyabikorwa bakoreramurako mu byerekeye kurinda no kurengera uburenganzira bw' abana. Byumwihariko kandi hashingiwe ku nsanganyamatsiko yayo muri iyi nama hatumiwemo abana b' abanyamahanga baba mu Rwanda. Muri bo hitabiriye (24) bakomoka mu Gihugu cy' Ubuhande biga mu ishuri ryo mu Rwanda rya “Green Hills Academy”.

## 1.2. Intego z' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana

Hashingiwe ku nsanganyamatsiko yayo, Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yari igamije ibi bikurikira;

- ✓ Gufasha abana kugira uruhare mu bibakorerwa;
- ✓ Kwigisha abana umuco nyarwanda;
- ✓ Kwibutsa ababyeyi umuco nyarwanda no kubakangurira kuwusigasira;
- ✓ Gukangurira ababyeyi n' abafatanyabikorwa kurera abana bashingiye ku ndangagaciro z' umuco nyarwanda ;
- ✓ Gufasha abana gukura ari abanyarwanda babereye Igihugu kandi bagikunda.

## 2. IBIKORWA BITEGURA INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 11 Y'ABANA

### 2.1. Gutoranya Insanganyamatsiko

Ibikorwa bitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana, byabimburiwe no gukusanya ibitekerezo by'abana ari na byo byagaragazaga insanganyamatsiko zatanzwe n' abana ubwabo kuva ku tariki ya 04 kugeza ku ya 06 Mata 2016 aho muri buri Karere abana bohereje insanganyamatsiko 60 zivuye mu Turere 30 (Buri Karere katanze insanganyamatsiko 2).

Kugira ngo haboneke insanganyamatsiko igenderwaho, Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana yatoranyije insanganyamatsiko eshatu (3) hashingiwe ku bwiganze bw' izari zoherejwe nazo zigezwa ku Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana bagatoranyamo imwe ijyanye na gahunda ya Leta bitewe n' icyerekezo cyayo mu bijyanye n' uburenganzira bw' abana. Insanganyamatsiko yatoranyijwe n' Abakomiseri yashyikirijwe Minisitiri w'Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango ari nawe ufite abana mu nshingano ze, arayemeza ayishyikiriza Inama y' Abaminisitiri yayemeje mu buryo ntakuka mu myanzuro yayo kuwa 11 Ugushyingo 2016.



## 2.2. Inama zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana



*Inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana mu Karere ka Kirehe*

Kuva kuwa 15 kugeza kuwa 18 Ugushyingo 2016, hakoze inama z'abana zibanziriza inama nyir'izina zibera ku rwego rw' Utugari mu Gihugu hose zigamije kumenyekanisha itegurwa ry' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana n' ingengabihe yayo.

Izi nama zateguwe kandi zikorwa mu buryo bukurikira;

- Kuwa 15/11/2016: Inama ku rwego rw' Akarere igamije gusobanura amabwiriza agenga inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yahuje abana bagize Komite y'Ihuriro ry'Abana ku rwego rw' Akarere, abakozi (2) b' Akarere, umwana uhagarariye abandi kuri buri Murenge, umukozi (1) w' Umurenge. Ubutumwa bwatanzwe n' umukozi wa Komisiyo y' Igihugu ishinze Abana afatanyije n' abafatanyabikorwa hagamijwe gutegura abayitabiriye kuzasobanurira abandi ku rwego rw' Umurenge;
- Kuwa 16/11/2016 Inama yo ku rwego rw'Umurenge igamije gusobanura ibikubiye mu mabwiriza agenga inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana zabereye ku rwego rw' Utugari. Hasobanuriwe abana bari muri Komite y'Ihuriro ry'Abana ku rwego rw'Umurenge, Perezida w'Ihuriro ry'Abana ku rwego rw' Akagari n' umukozi w' Akagari;
- Ku wa 17/11/2016: Inzego z' ibanze zakoze igikorwa cyo kumenyekanisha no gutumira abana bazitabira inama zitegura Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana.

- Ku wa 18/11/2016: Inama nyir' izina zibanziriza Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ku rwego rw' Utugari zatumiwemo abana bahagarariye abandiku rwego rw' Akagari, abana bagize Komite y' Ihuriro ry' Abana ku Mudugudu bari kumwe n' abakuru b' Imidugudu.

Muri izi nama kandi hanasobanuwe amabwiriza azagenga ibihangano bazahimba bishingiye ku muco nyarwanda byagaragajwe kuwa 07/12/2016 baje mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana i Kigali aho binyuze mu marushanwa, abana bagaragaje ibihangano byahize ibindi bahembwe.

Ibihangano byagaragajwe byari mu bwoko bukurikira: Imbyino, guhamiriza, ibisigo, ibyivugo, amazina y' inka, ikinamico n' inkuru zishushanyije.

### **2.3. Ikiganiro n'Abanyamakuru**

Mu kiganiro yatanze, Nyakubahwa NYIRASAFARI Espérance Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umunyaryango, afatanyije n' Umunyamabanga Uhoraho muri Minisitiri y' Umuco na Siporo, Perezida w' Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana n'abafatanyabikorwa, yasobanuriye abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru bitadukanye imyiteguro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana n' iyubahirizwa ry' uburenganzira bw' umwana muri rusange.

Nyakubahwa Minisitiri, yakomeje asobanura ko umwana agomba gukorerwa iby' ibanze byose akiri muto bimufasha gukura neza kandi ko Leta y' u Rwanda yiyemeje kubaka umuryango ukomeye hashingiwe ku kurengera no guha ijambo by' umwihariko umwana n' umugore.

Yongeraho ko Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana igamije gukangurira ababyeyi guha umwana abana n' uburere bwiza berekwa ibyiza bagomba gukora bishingiye mu kwimakaza indangagaciro na kirazira z' umuco Nyarwanda dore ko nta handi umwana yabimenyera atari mu muryango.

Abanyamakuru babajije niba nta mpungenge z' uko muri gahunda yo kurerera abana mu miryango nta mwana ushobora kuzaburirwa umuryango umwakira, Nyakubahwa Minisitiri yasobanuye ko kuva na kera mu muco nyarwanda nta mwana waburirwaga umuryango, kandi ko hagize utazawubona yakwitabwaho na Leta nk' uko biteganywa mu itegeko rishya rigenga abantu n' umuryango ryavuguruwe mu mwaka wa 2016.



*Ikiganiro n' abanyamakuru kuwa 06 Ukuboza 2016 mu cyumba cy' inama cya Petit Stade Amahoro*

## 2.4. Imurikabikorwa ry' ibikorwa by' Uburenganzira bw' Umwana

Inama Nkuru y'Igihugu ya 11 y'Abana yabanjirijwe kandi n'imurikabikorwa ry'inzego za Leta, izigenga ndetse n'iz'abandi bafatanyabikorwa ba Leta ku bikorwa bitandukanye biteza imbere uburenganzira bw' abana. Iri murikabikorwa ryitabiriwe n'inzego zikurikira: *MIGEPROF, MINIJUST, MINALOC, MINEDUC, Komisiyo y' Ubumwe n' Ubwiyunge, NCC, Imbutu Foundation, UNICEF, World Vision, Editions Bakame, Right To Play, AVSI RWANDA, Global Communities, Hope and Homes for Children, Save the Children, SOS Children's Villages, UYISENGA N'IMANZI, Children's Voice Today, Rwanda Academy of Language and Culture(RALC), Rwanda Archive Library Service Authority (RALSA), Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour (CHENO), Institute of National Museums of Rwanda (INMR).*



*Nyakubahwa Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango n' abandi bayobozi bitabiriye imurikabikorwa muri Petit Stade Amahoro*



**Ababyeyi bamuritse ko bagomba kubera abana urugero rwiza**

Muri iri murikabikorwa ababyeyi bagaragaje ko bagomba kwegera abana mu muryango bakabatoza uburere buboneye ariwo musingi w' umuco.



**Abana bamuritse umukino gakondo w'igisoro**

### 3. KWAKIRA ABANA NO KUBATEGURA

#### 3.1. Kwakira Abana

Mu ijambo ry' ikaze Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana, Madamu Dr. Claudine UWERA KANYAMANZA, yashimiye abana icyizere bagiriwe na bagenzi babo babatorera kubahagararira dore ko ari ubwa mbere bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana kuko batorewe manda yabo nshya ya 2015-2018 isimbura iyari icyuye igihe. Yabasabye kuzaba intumwa nziza batumikira ababatumye. Yabibukije insanganyamatsiko izibandwaho muri iyi nama anabasaba kurangwa n' ikinyabupfura n' indangagaciro mu gihe bazamara mu myiteguro no mu gihe cy' inama nyir' izina.



*Madamu Dr. Claudine UWERA KANYAMANZA Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana.*

### 3.2. Amatora y' abana bazafasha mu nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana

Ku mugoroba wo kuwa 07/12/2016, habayeho igikorwa cyo gutora abana bazafasha ku muni w' inama barimo n' umwana uhagarariye abandi ku rwego rw' Igihugu. Uwatorewe kuyobora Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' abana no guhagararira abana ku rwego rw' Igihugu ni NKURUNZIZA Ashley wo mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali.



*NKURUNZIZA Ashley, umwana wo mu Karere ka Gasabo watorewe kuyobora abana ku rwego rw' Igihugu.*

## 4. MU NGORO Y' INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

### 4.1. Umuhango wo gutangiza Inama

Nk'uko bisanzwe, abana nibo bayobora imirimo y'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana. Ibi bikaba birushaho gushimangira ihame ryo guteza imbere uburenganzira bw'umwana bwo kugira uruhare mu bimukorerwa. Ibi kandi bituma abana barushaho kwigirira icyizere no gutanga ibitekerezo bivuye muri bo ubwabo. Bitewe n' uko umwana watorewe kuyobora Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yari arwaye , Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yayobowe n' umwungirije.



*NSABIMANA Chadrack, wungirije umwana uhagarariye abandi bana ku rwego rw' Igihugu*

Mu ijamba rye ry' ikaze umwana wungirije uhagarariye abandi, yatangiye ashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda Paul KAGAME wabashyiraho Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana, bafata nk' urubuga rubafasha gutanga ibitekerezo byabo, kandi binyuze mu matora, ubu bashobora kwitorera ababahagarariye no gutanga ibitekerezo byabo mu bibakorerwa no mu iterambere ry' Igihugu muri rusange.

Yasezeranyije abitabiriye inama ko mu izina ry' abana bahagarariye biteguye gutanga umusanzu wabo mu gusigasira indangagaciro na kirazira by' umuco Nyarwanda, kandi ko biyemeje kuba intumwa n' abavugizi beza b' abana bahagarariye. Yasoje ashimira abategura iyi nama, abayobozi n' abafatanyabikorwa bose bayigiramo uruhare.



#### 4.2. Ijambo rya Perezida w' Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana

Muri iyi nama, Perezida w' Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana Bwana NGABONZIZA Damien, yatangiyeye aramutsa by' umwihariko abana kuko iyi nama ari iyabo abandi bakaba ari abatumurwa, abwira abitabiriye inama ko mbere yo gukora Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana, yifuje ko yabanza kugeza ku bitabiriye inama uko ibyifuzo abana batanze mu myanzuro y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 10 y' Abana yashyizwe mu bikorwa nk' uko bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

<b>ISHYIRWA MU BIKORWA RY' IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 10 Y' ABANA</b>			
<b>YABAYE KUWA 10 UGUSHYINGO 2014</b>			
<b>#</b>	<b>UMWANZURO</b>	<b>ISHYIRWA MU BIKORWA</b>	<b>ABAWUSHYIZE MU BIKORWA</b>
1.	<b>Kuvugurura uburyo bwo kwandika abana bakivuka.</b>	Harimo gushyirwaho uburyo bw'ikorabuhanga bwo kwandikira abana kwa muganga bakivuka, amavuriro n'ibigonderabuzima bigakorana n'ubuyobozi bw'Imirenge mu guhana amakuru no guhuza imibare  Iminsi yo kwandikisha umwana akivuka yarongerewe iva kuri 15 igera kuri 30 (Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango; Ing. 100);	MINALOC, MINISANTE, NIDA, NISR, Abafatanyabikorwa.
2.	<b>Kugenzura uko abana bavanywe mu bigo birera imfubyi babayeho</b>	Gusura imiryango yakiriye abana bimaze gukorwa inshuro (3) ku buryo bwihariye. Ikurikiranwa ry'abana rikomeza ku buryo buhoraho n'abashinzwe isanamitima bakorana n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze.	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa.
3.	<b>Gushyiraho urwego rushinzwe uburenganzira bw' abana by' umwihariko</b>	Mu Gihugu hose hagiyeho Inshuti z' Umuryango (29,674) ni ukuvuga, (2) kuri buri Mudugudu.	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa.
4.	<b>Gukora ku buryo abana bose biga mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bahabwa ifunguro.</b>	Hongerewe ubukangurambaga ku mashuri mu kurwanya ko umwana ava mu ishuri kubera kutabasha kwishyura ifunguro.	MINEDUC, Abafatanyabikorwa
5.	<b>Kurushaho kurwanya ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana.</b>	Inshuti z' Umuryango zarahuguwe mu Gihugu hose muri iyi gahunda.	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa.
6.	<b>Kubakira Komite z' Ihuriro ry' Abana ubushobozi.</b>	Mu gihugu hose Komite z'Ihuriro ry'abana zahuguwe ku burenganzira n'inshingano byabo kuwa kuwa 04 kugeza kuri 06/04/2016.	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa.
7.	<b>Kongerera ubukangurambaga ku mubare w'imiryango yitabira gahunda yo kuboneza urubyaro.</b>	Hakozwe ubukangurambaga binyujijwe mu kwipimisha ku bagore batwite.  Hakozwe ubukangurambaga bunyujijwe muri gahunda y' Umuganda mu Gihugu hose (26	MINISANTE, MINALOC, MIGEPROF/ NCC, Abafatanyabikorwa

		Ugushyirwa (2016)	
8.	<b>Kongera amarerero y'abana b'inshuke no kuyashakira abarezi babihuguriwe.</b>	Hashyizweho amarerero y'abana b'inshuke y'icyitegererezo ku rwego rwa buri Karere no kuzongerera ubushobozi;	MIGEPROF/NCC, Abafatanyabikorwa (Global Fund).



**Bwana NGABONZIZA Damien, Perezida w' Inama y' Abakomiseri ba Komisiyo y' Igihugu ishinzwe Abana**

### 4.3. Ijambo ry' uhagarariye abafatanyabikorwa



*Bwana Lamin M. Manneh, Uhagarariye Umuryango w' Abibumbye mu Rwanda*

Uhagararariye abafatanyabikorwa yashimiye intambwe nziza u Rwanda rugezeho mu guteza imbere uburenganzira bw'abana n'ubufatanye bwiza bwa Leta y' u Rwanda n'Abafatanyabikorwa.

Yibukije ko iyi Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana ihuje n'uko Umuryango w' Abibumbye uri kwizihiza isabukuru y' imyaka 70 Ishami ry' Umuryango w' Abibumbye wita ku bana ubayeho wimakaza uburenganzira bw' abana bose nta vangura.

Yibukije ko iyi nama ishimangira gahunda y' Urugo rw' Imbonezamikurire «*Early Childhood Development*» ashimira ubufatanye bwiza hagati ya Leta y' u Rwanda n'Umuryango w' Abibumbye mu guteza iyi gahunda imbere akaba anashimirabyimazeyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda Paul KAGAME n'umufasha we Madamu Jeanette KAGAME uruhare rukomeye mu guha abana amahirwe yo kugira uruhare mu bikorwa by' iterambere ry' Igihugu.

#### 4.4. Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango



*Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Madamu NYIRASAFARI Espérance*

Nyakubahwa Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango, unafite abana mu nshingano ze, yashimiye by' umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repbulika kubera gahunda ye y' imiyoborere myiza n' uruhare agira mu guha by' umwihariko abagore n' abana ijambo mu bibakorerwa, anashimira umufasha wa Nyakubahwa Perezida wa Repbulika, Madamu Jeannette KAGAME, uruhare agira yitangira guteza imbere abana n' umuryango binyuze mu muryango “*Imbuto Foundation*” yashyiriyeho abana. Yibukije ko insanganyamatsiko y' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana ikangurira ababyeyi n' abarezi kujya baha agaciro ibitekerezo by' abana. Yasoje aha ikaze umushyitsi mukuru kugira ngo ageze ku bitabiriyeho inama ijambo rikubiyemo impanuro yabageneye muri iyo nama.

#### 4.5. Ijambo ry'umushyitsi mukuru



*Nyakubahwa Perezida w' Inteko ishingira amategeko Umutwe w' Abadepite Mukabalisa Donatille*

Umushyitsi mukuru Nyakubahwa Mukabalisa Donatille Perezida w' Inteko ishingira amategeko Umutwe w' Abadepite, mu ijamba rye yatangiye ashimira inzego zose zagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro yafatiwe mu nama Nkuru y' Igihugu 10 y' Abana. Yasobanuye akamaro k' Inama Nkuru y' Igihugu ya 10 y' Abana n' izayibanjirije nk' urubuga rwiza Leta y' u Rwanda yabashyiriyeho bakaba babikesha imiyoborere myiza y' Igihugu kandi anabasaba ko ayo mahirwe bahawe batagomba kuyapfusha ubusa. Yasoje abasaba kwigirira icyizere no kugira icyerekezo n' intego bisobanutse.

#### 4.6. Abatanze ibiganiro mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana n' ibiganiro batanze



Abatanze ibiganiro mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana

#	Ikiganiro	Uwagitanze
1.	Indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda	MINISPOC
2.	Guteza imbere umuco nyarwanda binyuze mu mikoreshereze inoze y'ururimi rw'ikinyarwanda	RALC
3.	Uruhare rw'abafatanyabikorwa mu guteza imbere uburere buboneye nk'ishingiro ryo kwimakaza uburere bwiza mu bana	UNICEF
4.	Uruhare rw'inzege z'ibanze zegereye abaturage mu kurinda no guteza imbere umuco, kubungabunga indangagaciro ndetse na za kirazira	Umuyobozi w'Umudugudu
5.	Uruhare rw'abarezi mu guteza imbere umuco nyarwanda, indangagaciro na kirazira	Umwarimu
6.	Umuryango: igicumbi cy'uburere buboneye n'umuco mwiza	Inshuti y'Umuryango
7.	Uruhare rw'ababyeyi mu kwimakaza no gutoza abana umuco mwiza, indangagaciro ndetse na kirazira	Umubyeyi
8.	Uruhare rw'abana mu kubumbatira indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira ndetse n'icyo basaba ababyeyi mu kugera kuri izo nshingano.	Umwana

#### 4.7. Ibibazo abana babajije n' ibitekerezo batanze

Nk' uko bisanzwe, mu Nama Nkuru y' Igihugu y' Abana, hatangwa umwanya abana bakabaza ibibazo bikibangamira iyubahirizwa ry' uburenganzira bwabo mu Rwanda, hakanatangwa ibitekerezo by' uko byakemurwa ndetse n' abayobozi bagasobanura icyerekezo cya Leta mu guteza imbere iyubahirizwa ry' uburenganzira bw' abana.



*Umwana abaza ibibazo anatanga inama y' uko byakemurwa*

#### 5. IMYANZURO Y' INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 11 Y'ABANA (RECOMMENDATIONS OF THE 11<sup>TH</sup> NATIONAL CHILDREN'S SUMMIT)

UMWANZURO	Abazabikora
1. Gukurikirana ikibazo cy'abana bata ishuri no gushyira mu bikorwa ibihano ku babyeyi badashyira abana babo mu mashuri n'abatererana abana;	<b>Akarere, MINIJUST, RNP</b>
2. Kwinjiza mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza n'ayisumbuye ibijyanye n'umuco n'imikoreshereze y' Ikinyarwanda kandi bikigishwa mu mashuri yose;	<b>MINEDUC, LARC</b>
3. Gushaka ibitabo bihagije bivuga ku mateka y' u Rwanda byanditswe mu rurimi rw'Ikinyarwanda no kubyegera abana;	<b>NIMR</b>
4. Gushyira ingufu muri gahunda yo kurerera abana mu muryango kandi bagahabwa uburere buboneye;	<b>Akarere, Abafatanyabikorwa</b>
5. Gushyigikira gahunda y'umugoroba w'ababyeyi, bityo ugakemurirwamo ibibazo byinshi birimo n'ibihungabanya	<b>Inama y'Igihugu y' Abagore, Akarere</b>

	uburenganzira bw'abana;	
6.	Gufasha abana gusura inzu ndangamurage n' inzibutso za Jenocide kugira ngo bamenye amateka y'Igihugu cyacu;	<b>NIMR, CNLG</b>
7.	Gukangurira ababyeyi gufata umwanya uhagije wo kuba hafi y'abana babo bakabaganiriza, babatoza uburere bwiza bujyanye n'umuco nyarwanda hitabwa cyane ku ndangagaciro na kirazira;	<b>Akarere, Abafatanyabikorwa</b>
8.	Gushyiraho gahunda mbonezamukurire y'abana bato (ECD) no kuyikangurira ababyeyi bose;	<b>Akarere, Abafatanyabikorwa</b>
9.	Kuganiriza abana ku mikurire n'imihindagurikire y'imibiri yabo hagamijwe gukumira ikibazo cyo gutwita kw'abangavu ndetse no guhana by'intangarugero ababatera inda n'ababahohotera;	<b>Akarere, MINIJUST</b> Abafatanyabikorwa
10.	Gukumira ikibazo cy'abana b'inzererezi no guhana by'intangarugero ababyeyi bateshuka ku nshingano zo kurera;	<b>Akarere, MINIJUST</b> Abafatanyabikorwa
11.	Guha abana bafite ubumuga baturuka mu miryango itishoboye ibikoresho bihagije byo kwiga, inyunganirangingo n'ibindi byose bakeneye;	<b>NCPD, Abafatanyabikorwa</b>
12.	Gukangurira abandi bana kudata ishuri ngo bajye mu buzererezi cyangwa mu yindi myifatire n'imyitwarire mibi;	<b>Akarere, Komite z' Ihuriro ry' Abana, Abafatanyabikorwa</b>
13.	Gukangurira abandi bana kubaha, kumvira ababyeyi/ abarezi, gushishoza no kutararikira ibintu ahubwo bakanyurwa n'ibyo ababyeyi babahaye;	<b>Akarere, Komite z' Ihuriro ry' Abana, Abafatanyabikorwa</b>
14.	Gukangurira abandi bana kuba abanyarwanda beza gushyigikira no kurangwa n'indangagaciro na kirazira by' umuco nyarwanda;	<b>Akarere, Komite z' Ihuriro ry' Abana, Abafatanyabikorwa</b>



## 6. IBISHYA BYARANZE INAMA NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA

### 6.1. Ubwitabire bw' abana b' abanyamahanga by' umwihariko abakomoka mu Gihugu cy' Ubuhinde

Nk' uko bisanzwe, mu Nama Nkuru y' Igihugu y' Abana hashobora gutumirwamo abana bo mu Rwanda cyangwa bo mu bindi bihugu. Ni muri urwo rwego mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana hatumiwemo abana bakomoka mu bindi bihugu. Abana baturuka mu Gihugu cy' Ubuhinde biga mu ishuri rya *Green Hills Academy* ribarizwa mu Mujyi wa Kigali basangiye bagenzi babo ibyiza bakwigira mu muco w'Ubuhinde.



*Ku murongo wa mbere n' uwa kabiri ni abana bakomoka mu Gihugu cy' Ubuhinde bitabiriye inama.*

## 6. 2. Abana bayoboye Inama Nkuru z' Igihugu zabanje

Mu rwego rwo kugaragariza urugero rwiza abana bashya batowe barebeye ku bana bayoboye Inama Nkuru zabanje, muri iyi nama hitabiriye aba bakurikira bakurikira; Judith Rwibutso Bagwaneza (yayoboye ibiganiro mu nama ya 4, iya 5 n' iya 6), Marc Uzaruhanira (yayoboye ya 5), Alex Murenzi (wayoboye inama ya 9); Honorine Uwase Hirwa (yayoboye inama ya 10).



*Judith Bagwaneza Rwibutso umwe mu bana bayoboye Inama Nkuru y' Igihugu ya 6 y' Abana*

## 7. IMPANO Z' ABANA ZIJYANYE N' UMUCO NYARWANDA

### 7.1. Mu gihe cy' inama

Bimenyerewe ko hagati mu Nama Nkuru y' Igihugu y' Abana habaho akaruhuko abana bakidagadurana n' abayobozi ndetse n' abandi bose bitabiriye inama. Ni muri urwo rwego mu Nama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana, abayobozi, abana, n' abandi bitabiriye inama bafatanyije kubyina imbyino zishingiye ku mucu nyarwanda.



*Abana babyinanye n' abayobozi*

## 7.2. Igitaramo muri “Petit Stade” Amahoro

Hagenderewe ko abana bidagadurana n’ abandi bagasangizanya ibyiza bishingiye ku muco w’ u Rwanda n’ uw’ ibindi Bihugu, mu Nama Nkuru y’ Igihugu ya 11 y’ Abana hateganyijwe igitaramo cyatumiwemo abana bakomoka mu Gihugu cy’ Ubuhande biga mu ishuri rya “Green Hills Academy” maze bagaragariza abitabiriye igitaramo imbyino zishingiye ku muco w’ Ubuhande.



*Abana b’ Abahinde babyinira abitabiriye igitaramo cy’ abana*

## 7.3. Guhemba ibihangano by’ abana mu gitaramo

Mu gitaramo habayeho guhemba ibihangano by’ abana hakurikijwe uko Uturere twarushanyijwe. Buri Karere kagize igihembo kagenerwa bitewe n’ uko kahize utundi kandi ko buri mwana agira icyo agenerwa nk’ uko byari bikubiye mu mabwiriza yagengaga amarushanwa y’ ibihangano. Ibi bihembo abana bakaba barabishyikirijwe n’ abayobozi bo mu nzego zitandukanye bitabiriye iki gitaramo barimo: Nyakubahwa Minisitiri w’ Uburinganire n’ Iterambere ry’ Umuryango, Visi Perezida w’ Inteko Ishinga Amategeko umutwe wa Sena, ba Guverineri b’ Intara, Perezida w’ Inama y’ Abakomiseri ba Komisiyo y’ Igihugu ishinzwe Abana n’ abandi.



*Nyakubahwa Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango ashyikiriza abana ibihembo*

Igikorwa cyo gutoranya ibihangano bihiga ibindi no guhemba abana uko barushanyijwe, cyayobowe n' umushyushyarugamba **NIYTEGEKA Gratien** uzwi ku izina rya **SEBURIKOKO**.



*Ku ruhande rw' ibumoso, Bwana Niyitegeka Gratien ayoboye igikorwa cyo gutanga ibihembo*

#### 7.4. Gutaramana n' Umuhanzi nyarwanda

Mu gusoza igitaramo cy' Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana, abayitabiriye bataramanye n' umuhanzi Nyarwanda **King James**.



*Umuhanzi King James ataramira abitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana*

Nyuma yo gutaramana n' umuhanzi, abana bafashe ifoto bari kumwe n' abayobozi, abafatanyabikorwa n' abandibatimirwa bitabiriye igitaramo.



*Abana bifotoje bari kumwe n' abayobozi*

## 8. UMUSOZO

Muri rusange Inama Nkuru y' Igihugu ya 11 y' Abana yaritabiriwe kandi yagenze neza. Iyi namayagize umwihariko wo kuba yaratumiwemo abana b' abanyamahanga biga mu ishuri rya “*Green Hills Academy*”. Ikindi ni uko hateguwemo igitaramo cyihariye gishingiye ku muco nyarwanda bijyanye n' insanganyamatsiko yagenewe iyi nama igira iti: **“*Uburere buboneye, umusingi w' Umuco*”**.



## IMIGEREKA

Umugereka wa mbere.

### AGENDA OF THE 11<sup>TH</sup> NATIONAL CHILDREN'S SUMMIT Theme: "Positive Parenting: Foundation of the culture" (Uburere buboneye Umusingi w' umuco").

08<sup>th</sup> December, 2016

Time	Activity	Responsible
<b>Opening ceremony</b>		
7:00-8:00	Arrival of children	Protocol
8:00-9:00	Arrival of adult invitees	Protocol
9:00-9:30	Arrival of VIP guests	Protocol
10:00	Arrival of the Guest of Honour	Protocol
10:00-10:05	National Anthem	All participants
10:05-10:25	Welcome remarks by the Children's representative	Child
10:25-10:35	NCC at a glance	Chair person of NCC
10:35-10:45	Speech by the representative on partners	Representative of One UN
10:40-10:45	Welcome note by Minister/MIGEPROF	Minister/MIGEPROF
10:45-11:00	Coffee break	Hotel
<b>Panel</b>		
11:15-12:00	"Positive Parenting: Foundation of the culture" (Uburere buboneye Umusingi w' umuco").	<b>Members of the panel</b> <b>Chair: Child</b> <ul style="list-style-type: none"><li>• MINISPOC, RALC;</li><li>• Representative of partners;</li><li>• , Inshuti y' Umuryango;</li><li>• A head of the Village;</li><li>• A teacher;</li><li>• A parent;</li><li>• A child.</li></ul>
	<b>Discussions</b>	<b>All participants</b>
12:00-12:15	Recommendations of the 11 <sup>th</sup> National Children's Summit	Child
12:15-12:20	Speech by the Minister	Minister/MIGEPROF
12:20-12:40	Key note speech by the guest of honour	guest of honour
12:40-13:00	Group photo	Official photographer
13:00-14:30	<b>Lunch</b>	<b>Hotel and participants</b>
<b>AFTERNOON AGENDA AT "PETIT STADE" AMAHORO</b>		
15:00-15:15	Arrival of children	Protocol
15:15-15:20	Arrival of adults invitees	Protocol
15:20-15:30	Arrival of Guest of honour	Protocol
15:30-15:35	Welcome remarks to the guests & foreign children	A child
15:35-16:05	Presentation of Rwandan cultural talents	Rwandan children
16:05-16:30	Presentation of foreign cultural talents	Foreign children
16:30-16:40	Speech by the Minister	MIGEPROF
16:40-17:00	Gifts of the best traditional talents	Guest of honour
17:00-17:20	Speech of the guest of honour	Guest of honour
17:20-18:00	Entertainment/traditional dance	Itorero/participants
18:00	Closing	Guest and children

Umugereka wa Kabiri

**URUTONDE RW' ABANA BITABIRIYE NKURU Y' IGIHUGU YA 11 Y' ABANA**

UMUJYI WA KIGALI						
AKARERE KA GASABO						
#	Amazina Yombi	Umwanya	Urwego	Yavutse	Igitsina	Telefoni
1	NKURUNZIZA Ashley	Perezida	Akarere	2001	F	0788501927
2	BUSINGE Basile	Ahagarariye Abafite ubumuga	Akarere	2000	M	0788819670
3	UMUHIRE Sandrine	Perezida	Rutunga	2000	M	0785383125
4	MIZERO Robert	Perezida	Kacyiru	2000	M	0725340457
5	IZABAYO Innocent	Perezida	Gikomero	2000	M	0786783946
6	HABINEZA Girbert	Perezida	Kimihurura	2000	M	0784533361
7	GIRAMATA Sandra	Perezida	Gisozi	2000	F	0788602211
